

Identification : **RTL19 0020 2.6.94**
Duration : **60 min.**
Quality : **Not good**
Transmission : **RTL19**
Name of transcriber : **MUTETELI Pénine-Joie**
Name of file : **0020rtlm. wpd**
Date of transcription : **17/2/2000**
Dictaphone : **ExpressWriter Model 2750-6SN516525-51**

FACE A

Orateur : **BEMELIKI Valérie, journaliste de la RTL.** **00min00sec**

..., Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali, akaba yitwa... akaba yitwa Jani NTILIVAMUNDA HABYARIMANA. Ubwo rero ubwo butumwa bwangezeho mu kanya, ariko kandi ubwo butumwa murasanga mu by'ukuri iyo urebye wagira ngo na we yari ari i Kibeho, kuko usanga ko amagambo Bikira Mariya yatubwiye, icyo yatubwiye gukora ee... na Jani HABYARIMANA na we ari cyo adusaba gukora. Ukagira ngo rero yari ari i Kibeho, ariko kandi ntabwo yari i Kibeho, n'ubu ntabwo ari hano mu Rwanda ariko rero wagira ngo yari ari i Kibeho. Aragira ati... e... we aratubwira ati "rwose nimusabe Abanyarwanda basenge". Ati "tugomba gusenga cyane tugasaba amahoro". Ati "ni ukugarukira Imana tugasaba imbabazi, tugasaba n'imbaraga", ati "Yezu wenyine... Yezu ni we wenyine uzadutsindira Inyenzi".

Ni byo koko, muribuka ko Bikira Mariya yavuze ati "nimusenge, nimusenge cyane iyi ntambara muzayitsinda". Ati "iyi muba muri ku rugamba, muba muri kumwe na Yezu, Yezu azabafasha muyitsinde". Koko na we aravuga ati "Yezu wenyine ni we wenyine uzadutsindira Inyenzi. Bikira Mariya ni umubyeyi tugomba kumusaba dukomeje, azatwumva. Abashoboye kuvuga Rozari bajye bayivuga buri munsi". Ati "Abanyarwanda rero bavandimwe" ati "mwese mukomere". Ati "aho ndi hose ndabatekereza". Ati "ndi kumwe namwe", ati "akababaro turagafatanyije" ati "rwose ndumva neza ko koko Inyenzi ziriho zitwononera igihugu" ati "ariko twiyambaze umubyeyi Mariya, Bikira Mariya ni umubyeyi icyo tumusabye cyose dukomeje nta kibuzo arakiduha".

Nyamara burya ni byo nababwiye nti "Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA yitabye Imana yishwe n'ababisha, aragiye ariko adusigiye imirage myinshi". Mu mirage rero myinshi yadusigiye n'uyu wo gusenga ntabwo waburamo. Turabyibuka buri gihe cyose yajyaga adusaba ati "nidusabe, dusabe Imana, tuyigondoze ..azaduha icyo twifuza, ..azaduha amahoro".

Ibyo murabyibuka, nyamara umurage na wo yarawusize yawusigiye abana be. Mwiyumviye ubu butumwa twoherejwe n'umwe mu bana mwe... mu bana be, akaba rero atubwira ati "nimusenge,

musenge cyane kugira ngo dusabe amahoro”. Ni ukugarukira nyine Imana tugasaba imbabazi, tugasaba imbaraga. Imbaraga rero ni ukugira ngo koko turwanye Inyenzi-Inkotanyi tuzitsimbure zo ziriho zitwononera igihugu, zo zatwiciye byinshi... byinshi zikaba zaratwiciye n’abantu batagira ingano. Muzi ko aho zinyuze hose ntizahasiga ubusa, uwo zihuye na ho... na we zirahuranya, ibi murabizi. Agakomeza ati “Yezu rero ni we wenyine uzadutsindira Inyenzi”. **03min03sec**

Ntabwo yibeshye, ibi byavuzwe na Bikira Mariya kandi ntabwo biri kure turiho turabibona. Bikira Mariya ni umubyeyi tugomba kumusaba dukomeje azatwumva. Ni byo koko. Aravuga ati “rero ababishoboye, abashoboye kuvuga Rozari bajye bayivuga buri muni”. Ati “mukomere aho ndi ndabatekereza”.

Koko n’urwo rupapuro yanditseho yashyizeho amashusho atatu:

- Abiri ni aya Bikira Mariya akikije... akikije ishusho rya Yezu. Ni ukuvuga rero ko Yezu aba ari hagati, Bikira Mariya tukamunyuraho kugira ngo atugeze kuri Yezu. Ubwo namwe murabyumva, rero ni ubwo butumwa yari yatwoherereje kugira ngo tubugeze ku Banyarwanda bose nk’uko nari nabibabwiye rero ni ukugira ngo dusenge koko, dusenge kugira ngo tubone uko dutsimbura Inyenzi-Inkotanyi.

Ibi byaravuzwe na Bikira Mariya yabidufashijemo. Nabasomeye igihe tariki ya cumi na gatanu z’ukwa gatanu abonekera i Kibeho. Nyamara muzi ko nari nabagejejeho ukuntu Kibeho yasenywe, ndetse nzabagezaho n’ubuhamya bwatanzwe n’abaturage b’aho ngaho muri Gikongoro, ni muri Commune Mubuga aho Paroisse ya Kibeho iri, aho Bikira Mariya yari yaratoranyije, na n’ubu kandi atoranya kuko n’ejobundi yahabonekeye ubwo igihe na... nibwiraga ko mu by’ukuri ko ingoro ya Yezu yasenywe, Kiliziya y’i Kibeho igasenywa, nibwiraga ko Bikira Mariya atahagera. Ibyo rero ni kimwe cyagaragaje ko Bikira Mariya koko ari umubyeyi. Akavuga ati “ndabizi, hano hari ingoro ya Yezu, y’umwana wanjye, iracyari ingoro ye n’ubwo ari mu matongo bwose birambabaje ariko njyewe icyo nasezeranye ndagikora, ndahaje”.

Muribuka ko ayo magambo yayavuze, ayo magambo yarayavuze arahaza. Ubwo nzabagezaho

rero n'ubutumwa bw'abaturage b'aho hafi za Kibeho ni muri Commune Mubuga, Mubuga ukuntu na bo bazabitubwira. Muribuka ko nababwiraga nyine ko Bikira Mariya yavu... na we yavugaga ati "hari abapadiri... abapadiri baziyambura imisaraba, biyambure amashapule bikorere ibibashimishije, ibyo batagomba gukora".

05min07sec

Kandi koko narabibabwiye muri iyo paroisse hari umupadiri witwa Padiri NGOGA, uwo mupadiri akaba yari na Padiri Mukuru w'iyi paroisse, ariko rero yahakoreye amarorerwa. Ibyo bintu rero na byo abaturage bo muri ayo makomine bazatubwira uko... uko bimeze.

Ariko iyo tugarutse rero kuri iyi ntambara abantu nk'uko babibona, barabona ko ingabo z'igihugu koko zitsinda uru rugamba ahantu hose, ndetse ku buryo Inyenzi, Inyenzi rwose zakomwe mu nkokora, ko zatakaje abantu batagira ingano muri iyi minsi itatu yonyine e... abantu benshi cyane b'Inyenzi-Inkotanyi. Ndetse mwiyumviye ko hari n'ikibunda kinini cyafashwe, kikaba cyafashwe n'urubyiruko twizera rwose tuvuga tuti... tukaba tunababwira tuti félicitations, bakomeze rwose n'ibindi byose aho biri hose bakore uko bashoboye barebe uko babifata.

Ubwo rero ni ukuvuga ko urugamba ruracyakomeza ariko ukareba ko ingabo zacu ziriho zirutsinda, kandi ubwo bakaba batewe inkunga nyine n'urwo rubyiruko ndetse n'Abanyarwanda benshi bari hano, basigaye hano muri Kigali ndetse n'ahandi habera imirwano nk'aho za Ruhengeri, za Byumba, za Bugesera. Aho hose rwose ndahareba ukuntu aba... aba... urubyiruko rwari ru... ruhagaze neza cyane, ndetse nkaba mboneyeho gusuhuza abaturage ba Commune Muyaga, abaturage ba Commune Muyaga nkaba mbasuhuza rwose mwese nibuka igikorwa cyiza ee... cyiza cyane bakomeza kugaragaza, bakomeza gukora, bikaba bigaragara ko mu by'ukuri bafatanyije koko n'i... ee... n'ingabo zacu mu guhashya umwanzi, ukabona ko babifitemo umurego.

Ariko nyamara nta wabura rero kugaya ibigomba kugawa muri iyo commune, ariko simvu... ntabwo ari abantu benshi ni umuntu umwe w'i... umuntu umwe witwa..., umudamu witwa Jeanne, uwo Jeanne yigisha mu mwaka wa gatandatu ahantu hitwa Mamba. Aho Mamba rero ni muri Commune Muyaga. Uwo Jeanne rero na we akaba adakora ibintu byiza, ibintu byiza muri iryo e...

shuri kuko e... bigaragara ko ateza umwuka mubi mu mashuri yigishamo akaba yari afite nyine umugabo, umugabo witwa Gastoni, uwo Gastoni, Umututsi, we yahungiyeye nyine mu Burundi yahise agenda ariko ya... ageze iyo hakurya... iyo hakurya akajya agambanira aba... abantu abatu... Abahutu bo muri commune ye, ukabona ariho arabicisha abinyujije kuri uriya mugore we Jeanne. Ubwo rero akaba ariho akora uko ashoboye ateza ibitero muri Commune Muyaga abinyujije kuri uriya mugore witwa Jani wigisha hariya i Mamba muri Commune Muyaga, atanasiba kugira ngo abyigishye n'abana yigisha, abigisha ko ngo "bagomba kwanga" ngo "Abahutu". Ugasanga ni byo birirwamo, noneho abana bikabatera umutima mubi.

08min09sec

Uwo mudamu rero Jani turamwiyamye, ndetse na Commune Muyaga dusanzwe tuziho ubutwari bw'abaturage bagombe bamwihanangirize. Ubwo rero murumva ko ariho ahungabanya umutekano muri iyo commune.

09min01sec

Ubwo ariko e... n'ubwo maze kubagezaho ibyo ngibyo byagiye biba ku byerekeranye ee... n'ubutwari bw'ingabo zacu, muri iyo mirwano barwana biragaragara ko rwose bariho barwana neza kandi batsinda kandi ko intambara mu by'ukuri urebye tugumya kugenda tuyitsinda ahantu hose ingabo zacu ziri.

Tugarutse rero ku mutekano, turasanga umutekano muri rusange mu gihugu cyacu, umutekano wifashe neza. Biragaragara ko Abanyarwanda bose, Abanyarwanda bose bumvise, bumvise inama nziza, inama nziza bagezwaho na Gouvernement yacu iyobowe na Nyakubahwa KAMBANDA Yohani.

Tugasanga rero umutekano uragenda ugaruka ndetse henshi ukaba waragarutse burundu, ahantu hose ukaba uhari mpereye na hano muri Kigali, mpereye na hano muri Kigali mu by'ukuri ubona ko umutekano hose uhari, ukaba ubona ko umutekano hose uhari muri Kigali, reba hose, abantu rwose bafite umutuzo usibye nyine Inyenzi-Inkotanyi ziguma kuba... kubarohamo e... biriya bisasu ariko ahenshi namaze kureba ni uko mu by'ukuri nk'uko mugenzi wanjye HABIMANA Kantano ajya abitubwira, usanga ko ibyo bihu... ibyo bisasu bigenda bihitana imiserebanya, ibikeri, inzoka se. Ukabona ko mu by'ukuri hari abantu ahubwo burya bapfusha ubusa, nk'amafaranga yaguze

biriya bintu bigamije kwica iyo miserebanya, ibyo bikeri n'iki, usanga ko ari abantu nyine barenzwe, barenzwe dore ko no ku buyobozi bwaho nyine hari uwarenzwe n'umurengwe nyine birumvikana. Ni abantu barenzwe bumva ibintu byose nyine bapfusha ubusa. Ariko muri rusange ugasanga umutekano umeze neza.

N'ahandi ni kimwe, na za Gitarama nabonye umu... umutekano umeze neza usibye nyine ibihuha, ibihuha Abanyarwanda dusaba ko bari bakwiye kwima amatwi, ahubwo uwaba azanye icyo gihuha a... aba afatanyije n'Inyenzi-Inkotanyi kuko iyo tu... ubisesenguye, Inyenzi Inkotanyi zikoresha akenshi igihuha. Umuntu rero uje agakwiza icyo gihuha, ni uko bo... aba ..aziho aziteza... azitera umuru... umurindi. Akaba ariho azishakira icyuho zanyuramo, kuko iyo haramutse... haje icyo gihuha ati nimwiruke zigeze aha, ibi bikaba biriho binagaragara n'ahantu... no mu nzego nyinshi zaba iz'ubutegetsi cyangwa se n'iz'i... ubutegetsi bwa gisivile cyangwa se ..bya gisirikare no mu baturage ubwabo. Ni byo ee... Ministre w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komine, ee... Maître Eduwari KAREMERA yavugaga ko hari abasirikare nyine bagenda bakwiza icyo cyuka babeshya abantu, ugasanga rero abantu kubera izo mpamvu baragenda bahunga.

12min01sec

Aha rero ni ho... ni yo mpamvu dusaba Abanyarwanda bose kutumva..., kudatega amatwi ibyo bihuha. Mbere yo kubitega amatwi ngo ba... bahite baterura utwangutse bahunge, bari bakwiye kujya babanza bagashishoza, bakareba ubibabwiye. Uwo ubibabwiye bakamufata na we yababwira ati mbivanye aha bagashogoshera bakagenda kuri uwo muntu yabivanyeho, uwo muntu na we bakamubaza na we yavuga ati nabikuye aha mukajyayo kugeza igihe mumenyeye ukuri. Mwasanga ko ibyo bintu uwo muntu nta hantu yabivanye, mukaba muzi ko ariho ategurira inzira..., ariho ashakira inzira Inyenzi-Inkotanyi.

Koko ntabwo byaciye kabiri, namaze kumva muri Radiyo, ya ngirwa Radiyo y'Inyenzi-Inkotanyi ivuga ngo..., ndetse banabyemeza ko ngo "Inyenzi-Inkotanyi" ngo "zafashe umujyi wa Ruhango", ngo "ndetse bari hafi kugera e... i Gitarama", ngo... "noneho" ngo "bazongere bahakane" ngo "batahageze ndetse na Nyabisindu". Ubwo Radiyo Muhabura yarabivuze, ntibyateye kabiri..., ubwo najyanaga umukecuru wanjye numva ko mu mujyi i Gitarama bari kuvuga ko ngo "Inyenzi

za... zi... ziri i Nyabisindu” ngo “zigiye kugera mu Ruhango kandi mu by’ukuri nta kintu cyari gihari”.

Icyo kintu kubera cyavuzwe na Radiyo muhambu... Muhabura, abambari bayo bahita babi... babisamira hejuru, ni bwo batangiyeye kubikoresha kugira ngo bashakire Inyenzi inzira. Ni bwo rero babikoreshaga, abantu bamwe batangira guterura utwangushye baragenda, ukabona bariho barahunga nyamara ha... muri abo bantu na byo ubwo turi bubigarukeho ee... turibubigarukeho, mu byerekeranye no guhunga ndumva ndaza kubivuga neza. Ariko murumva ko uwo muntu, aba ahungabanyije umutekano. Aba awuhungabanyije ku buryo ndetse abantu bashobora no guhunga inkubirane, mu kivunge bagenda bagwirirana bagwira abana, abana bahapfira ndetse abana batana n’ababyeyi babo ugasanga rero bamwe baragenda bahunga intatane. **14min01sec**

Ibyo na byo ntabwo dushobora gukomeza kwihanganira abantu nk’abo bagenda bakurura ibihuha bagamije gushakira inzira Inyenzi-Inkotanyi, kugira ngo zishobore kubona aho zinjirira. Ni byo nababwiraga ko mu by’ukuri iyo bigenze gutyo abantu ahubwo nab... nababwiraga ko mu muhanda ejo najemo benshi nabonaga bariho bigarukira i Kigali bikoreye ibintu byabo, kuko umuntu uhunze n’u... n’udahunze ntumuyoberwa, usubira aho yavuye na we ntabwo umuyoberwa, azagaruka yitwa... yikoreye ibyo yari yarajyanye birumvikana. Kandi ntabwo abantu wa... wavuga ngo abantu bariho barahunga muri Kigali ngo abandi bawugarukemo, ni uko niba bawugarukamo bumva ko hari umutekano. Ni byo koko, ni byo. Ni byo nibagaruke dufatanye duhashye umwanzi kuko biriho biragaragara.

Ubwo rero umutekano nyine muri Gitarama ni uko wari wifashe, usanga hari icyo gihuha ariko abantu barahumuriywe, barahumuriywe kuko ingabo z’igihugu cyacu zari zihari, zari zihari zirahagera. Ntabwo abantu bari bakwiye kujya bashorwamo igihuha ngo noneho bahite bahaguruka. Nabahaye uburyo muzajya mubikora, uzajya ubibabwira muje mumufata akaboko mumanukane abereke ahantu ee... yakivanye, murebe nimu... natabereka koko ahantu yakivanye by’ukuri ni uko azaba na we ari Inyenzi-Inkotanyi.

No muri Butare rero icyo kintu na cyo cyari gihari bavuga bati “ubwo byageze i Nyanza

birarangiye”, ee... abaturage na bo batangiye gushya ubwoba, u... umutekano na ho ukabona urahungabana kandi mu by’ukuri na bo yenda ubwo na bo ni umuntu na we wabisamiye hejuru ari kugira ngo koko basha... ashakire Inyenzi-Inkotanyi inzira, akwiza icyo gihuha. Gukwiza rero icyo gihuha bigatuma abantu umutekano wabo uhungabana bakumva ko bashize, ubwo nyamara hari n’ababivuga, ababikoresha icyo gihuha kugira ngo babone uko bisahurira. Gusahura rero abantu bakajya mu mazu y’abandi bagasahura, murumva ko na none biba ari uguhungabanya umutekano.

Ibyo byose rero abantu babikomereho ibintu by’umutekano babirebe babyiteho barebe abantu bababwira ibintu by’ibihuha, ni ho cyane cyane biriho bigenda bituruka. **16min04sec**

Ku byerekeranye n’umutekano nanone, hari abantu bariho bagenda bagura na za essences. Essence bakagenda bakagura bagahunika. Muramenye, iyo essence byamaze kugaragara icyo igamiye, abariho bayigura ni Inyenzi-Inkotanyi, ni ibyitso by’Inyenzi, ni abantu bafatanyije n’Inyenzi-Inkotanyi, ni abambari b’Inyenzi-Inkotanyi bariho bagura iyo essence kugira ngo basho... ba... borohereze, borohereze Inyenzi-Inkotanyi mu kugendera mu mamodoka kugira ngo bagire aho bagera. Muramenye abantu muriho mugurisha za essences, essence ya magendu kimwe na mazout.

Ibyo rero ni ibi... biriho bikoreshwa n’abambari b’Inyenzi-Inkotanyi cyangwa se Inyenzi-Inkotanyi ubwazo kugira ngo Inyenzi zishobore kugendera mu mamodoka, amamodoka azigeze aho bishakiye.

Icyerekeranye rero n’umutekano, ibyo bintu muramenye. Nababwiye rero turi buvuye no ku mabariyeri. Ababiriyeri.. ya hano mu mujyi wa Kigali aracyameze nk’uko yari ameze ahubwo nabonye barayakomeje, amabariyeri arakomeye. Ndetse no mu muhanda nagiye nyuramo nagiye mbona hari amabariyeri, amabariyeri menshi. Abantu koko usanga ko bakomeye kuri ayo mabariyeri. Aha ndatekereza bariyeri y’i Musambira, ndahabona rwose ukuntu umuntu yahagaritse amamodoka yose ariko abantu bamwe bakinuba, tukabona ko mu by’ukuri yakoraga akazi ke. Bati “aba ni abakozi b’aha ngaha”, ati “simbyemeye nibazane ibyangombwa byabo”.

Ni byo, iriya bariyeri rwose y'i Musambira i... yakoze neza cyane, yakomeza igakora ikagenzura ko umwanzi atatoborera muri commune yabo kugira ngo aboneze iya Gitarama. Dore ko umwanzi ubona ko ari cyo agamije.

Ni kimwe na... mu mihanda hose ndetse n'i Gitarama, i Gitarama ujya kwinjira mu muji na ho hari indi bariyeri na yo ho ikomeye, ikomeye rwose ubona ko abantu bayiraho bakorana umurava. Ubwo ndavuga nyine ku muhanda munini, ku muhanda munini ukagenda ukagera za Nyanza, ukagera za Rusatira. Aho i Rusatira mukomere, ku cyapa cya Songa na ho ndabareba ahantu rwose mukorana umurava, namwe aho ngaho ukabona ko mu by'ukuri koko mwahagurukiye mwese kugira ngo ee... mutere inkunga ingabo z'igihugu cyacu. **18min09sec**

Ubwo nyine ugakomeza ndetse ukagera e... mu muji, ukagera ha... mu muji ahantu rwose hari bariyeri na yo y'ingabo z'igihugu cyacu ubona ko ingabo z'igihugu cyacu na zo zihahagaze neza, zigenzura ahantu hose. Ubwo rero bese abo ngabo na bo ukaba ubona ko babungabunga umutekano bakoresheje za bariyeri zabo kugira ngo Inyenzi-Inkotanyi zitabona aho zimenera.

N'ahandi nageze za Gikongoro ariko a... ho amabariyeri usanga ko mu by'ukuri atari menshi cyane, atari menshi ahubwo ubona ko ee... no mu muri icyo "prefegitire" ho mbona basa mbese... nyewe n... ndavuga ibyo niboneye, ko ibiraho biba ahari bisa nk'aho biraho bibera mu kindi gihugu. Ariko mu by'ukuri nje nagenze umuhanda w'aho, imihanda y'aho nayigiyemo ariko ukagenda usanga umuhanda muremure wa.e... ufite nka kilometero ijana ugasanga hari bariyeri imwe.

Ntabwo ari byo rero. Iyo préfecture niyongere amabariyeri, amabariyeri nabe menshi. Nabe menshi icyakora nyine ikindi nababwira ni uko yenda mwavuga muti amabariyeri nabe menshi ariko nta bikoresho dufite. Na byo mwabyiyumviye, Ministre w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komine, Nyakubahwa Maître KAREMERA Edouard na byo yagize icyo abivugaho, yavuze ko ibikoresho... "ibikoresho bihari babikoresha uko bingana". Ati "ndabizi ni bike cyane", ati "ariko icyo mbijeje ni uko mu minsi ya vuba hose nzaba nagerageje kuhakwirakwiza ibikoresho".

Ni kimwe rero. Ariko amabariyeri najyeho kuko iyo abantu bariho bahita si ibikoresho bisoma mu marangamuntu, ntabwo ari byo. Abari kuri bariyeri bayi.s...genzura bagenzure abahanyura ni bo basoma ibyanditse mu irangamuntu kugira ngo bamenye Inyenzi-Inkotanyi n'umuturage wacu, n'Umunyarwanda wacu, n'umuntu u... utuye mu Rwanda uriho wigendera. **20min09sec**

Ibi rero murumva ko bitandukanye. Ntabwo igikoresho ari cyo kizajya gusoma mu irangamuntu, ntabwo igikoresho ari cyo kizasaba umuntu icyangombwa, ngo kimusake ngo kigire gute. Oya, abantu bari kuri bariyeri ni mwebwe mugomba gusaka abo bantu ko nta ntwaro batwaye muri iyo misambi. Muzi ko Inyezi zibikoresha, niba nta ntwaro zapfunyitse muri za matelas, niba nta ntwaro bahamburiye mu gikapo bitwaza ko harimwo imyambaro yabo.

Ngaho rero abaturage rwose..., ndetse nkaba mbisaba n'ubutegetsi bwa "Prefectura" ya Gikongoro, ariko si nje nyenyine ubibasaba kuko n'undi wese wa... wagera muri iyo "prefectura" cyangwa se waba yarahageze, ndemeza ko na we yabonye ko ayo mabariyeri mu by'ukuri adahagije. **21min07sec**

Si aho ngaho gusa rero muri Gikongoro ubwo ni n'ahandi, ubwo aho ni aho nashoboye kubona. Ariko abategetsi bari bakwiye gukora uko bashoboye ariya mabariyeri bakayashyiraho ari menshi ndetse hamwe hakajya e...n'abasirikare, hakajya abajandarume bakagenzura ku buryo rwose ..bikabije. Abantu muravuga muti "Inyenzi zageze i Nyabisindu", abo bantu ni abantu bariho babivuga. Ariko rero Nyabisindu ko ari yo igabana nako ari ho hagabanira Butare na Gikongoro, ubwo se niba yageze i Nyabisindu i Gikongoro yo azabuz... iza... zizabuzwa n'iki noneho kuhagera niba hari ibyitso biriho bigenda bizirangira?

Ni ukuvuga ko amabariyeri yari akwiye gukomera, yari akwiye gukazwa muri iyo "prefegitura", ubutegetsi bukabuhagurukira.. bagashyira amabariyeri mu i... mpande nyinshi mu duhanda twose aho tunyura hose muri buri secteur, Abakonseye barahari baracyakora, Abaselile barahari na bo baracyakora, nibabihagurukire bashyire amabariyeri mu masegiteri yabo, mu maselile kuko hose nagiyembyibonera mbona ko mu by'ukuri aho hose habuze amabariyeri ariho abantu basuzuma

neza abahisi, basuzuma neza abagenzi.

23min00sec

Ntabwo ari igikoresho gizasoma, kuko nusoma ukabona umuntu handitseho ibintu koko bigaragaza ko ari Inyenzi-Inkotanyi, ntabwo ari... ari igikoresho ki... kizabisoma ni wowe. icyo gihe..., wowe uzahita umubona. Ntabwo rero ari igikoresho kizajya gusaka ko kanaka yikoreye imbunda. Ni wowe uzabireba kuri icyo bariyeri, ariko rero igihe ku muhanda ufite met... i... kilometero zigeze ku ijana hari bariyeri imwe gusa cyangwa se ebyiri gusa, murumva ko byoroshye kugira ngo Inyenzi-Inkotanyi.. zibone aho zimenera.

Ni kimwe n'ahandi rero mu gihugu hose, mu gihugu hose nubwo hose ntarashobora kugira ngo mpagere ndebe uko byifashe, ariko n'abandi bateze amatwi muri aka kanya Radiyo RTLM bari bakwiye kuzirikana, kureba neza niba koko bariyeri zose..., ahantu henshi umwanzi ashobora kumenera zaba zihari, ko ndetse zigenzurwa ku buryo buhagije, ko abahisi bese bagenzurwa.

Ntimugatinye imodoka runaka, ngo ni icyo kanaka, niba ahageze mu... musa... basabe ibyangombwa, mwimutinye na... nimumusabe ibyangombwa murebe. Kuko niba umuntu yihaye kunyura ahantu ari ndi kanaka, ndi kanaka mukamureka akagenda, bya byitso tuvuga ko e... birebera umwanzi na none bizongera bimubwire bita na we uze witwaje ko uri kanaka barakureka uhite. Bityo ahitane Inyenzi zuzuye nk'imodoka.

24min04sec

Murumva n'izo... n'icyo essence bariho... bariho basaba, bariho bashakisha kugira ngo e... barebe ukuntu ba... barwanaho iza zene wazo zibone uko zinjira mu gihugu zijye kuyogozwa no mu zindi "prefectura" zari zitarageramo.

Ubwo rero amabariyeri yose, yose aho ari mu ma "prefectura" yose, mu masectori... mu ma communes yose, muri segiteri zose, muri za selile, abategetsi nibabihagurukire aho Inyenzi, aho Inyenzi-Inkotanyi zitarakandagiza ikirenge dore ko atari nyinshi, ari kamwe cyangwa tubiri usanga twageze ahantu ubwo barasa kubera nyine abantu ukuntu bazizi kuko ni Inyenzi zica nabi ibyo turabizi, zishe abantu benshi, uwo zitaricira azi umuvandimwe wundi incuti se e... afite incuti ye se ziciwe...zici... zishe, ibintu nk'ibyo. Twese ntabwo tuyobewe ukuntu Inyenzi-Inkotanyi zica,

ugasanga rero icyo kintu ari cyo gishobora kuba kinatera ubwoba cyane abaturage nyamara dusanga ko ku ruhande rw'Inyenzi-Inkotanyi nta bwenge burimo mu gihe bisaranga basakuza ngo barabungabunga uburenganzira bw'ikiremwanuntu ngo mu gace bigaruriye ngo barabafite, ugasanga barabasimburanya e... ku maradiyo yabo nyamara babatunze imbunda ngo bakunde bavuge ibyo bifuza, ugasanga nta bwenge burimo kuko bo igihe bariho bica abantu, igihe ba... aho bageze babica ba bandi bakabahunga, usanga ko nyoko.. bigaragaza ko Inyenzi-Inkotanyi ari abicanyi babi ko ari abagome kandi ko bica nabi.

26min01sec

Ubwenge rero ahantu butari ni uko basakuza babeshya ko bafite abantu nyamara aho bageze abantu bakabahu... bakabahunga, ukabona barabahunze. Nyamara iyo ziza kuba zizi ubwenge ntabwo zari kuza zica abaturage ngo zibice urubozo, bityo abantu koko bari kuguma aho bari dore ko zaje zisakuza ko zidashaka ubutegetsi ubu n'ubu, ko tutifuza... ngo zitifuza Guverinoma iyi n'iyi.

Ntabwo rero abaturage ari Guverinoma nubwo Guverinoma ihagarariye abaturage, ntabwo ari bo bakoze iyo Guverinoma. Ntabwo rero ari bo bagombaga kwica, niba barashakaga kwerekana rero ko koko bafite abaturage ntabwo bagombaga kwi... e... ntabwo zagombaga kwica abaturage.

26min08sec

Nyamara na none ikindi kibigaragaza, simusiga ndetse, cyagomba kuba cyaranagaragajwe no mu mahanga hose ni ukwibuka urugendo... uruzinduko wa Munyepakistani wari intumwa y'Umuryango w'Abibumbye aherutse gukorera hano mu Rwanda. Muribuka ko yaje akagera i Kampala ubwo akamanuka n'imodoka yerekeza hano mu Rwanda, akaza inzira yose akagera ku Mulindi. Murabyibuka, ni ho yabonaniye ee... n'abayobozi ba... bi... b'Inyenzi-Inkotanyi, ba KANYARENGWE, babonanira aho.

Nyamara ariko tuzi ko yagombaga gukomeza agera i Kigali mu modoka, mubyibuke mwese. Yagombaga gukomeza i Kigali aza n'imodoka, ariko rero byarasubitswe, byarasubitswe ahubwo asubira i Nairobi ntiyakomeza urugendo ngo aze ahubwo asubira i Nairobi kugira ngo ahafatire indege ibone kumuzana hano mu Rwanda. Mutekereze namwe urwo rugendo n'amafaranga! Ubwo rero byatewe n'iki? Buri muntu wese rwose yasuzuma icyo kintu akagisesengura, akareba

we batubwiye ko ari uko babonaga nyine...

28min01sec

Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTL.

... RTL, Radiyo yanyu ivugira i Kigali ku mirongo y'ijana na gatandatu na mirongo cyenda na kane. Abatwumva mwese mwese aho mutwumvira hose bavandimwe kuramba ni ukuramuka. Abaramutse mwese, abaramutse mwese mwese ndabaramukije muri iki gitondo cy'uwa gatanu itariki ya gatatu z'ukwezi kwa gatandatu igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane.

Abumva Radiyo yigenga RTL rero ubu turi hafi... tumaze amezi abiri hafi amezi abiri aburaho iminsi mike, aburaho iminsi itatu gusa turwana n'Inyenzi-Inkotanyi MUSEVENI KAGUTA Yoweri uriya Muhima wo mu Bugande (Uganda) yatwoherereje ngo igihugu cyacu Inyenzi zigisenye, ngo umujyi wacu Kigali use na Kampala, Kampala yandavuye yahinduye ibara, utamenya ko ari umujyi wiyubashye.

Inyenzi-Inkotanyi rero zarabigerageje ariko mu by'ukuri uko bigaragara biragaragara yuko Inyenzi turimo tuzitsinda ariko rero zirapfa guta ibitabapfu, ngizo muri Ntongwe, ngizo i Gikongoro, ngizo za Cyangugu, ngizo hehe hose zijagata ariko rero ku giti cyanjye njyewe mbona ubwo ni bwo buryo bwo gushira kw'Inyenzi-Inkotanyi kuko mu by'ukuri ntabwo twumva ukuntu nk'Inyenzi yagiye ku Gikongoro izavayo amahoro, ntabwo twumva iyagiye kwiroha i Nyanza, ibyo ari byo byose nta kintu na kimwe ikuyeyo kuko zidashobora gufata Nyanza, nta wubona ikintu iyo Nyenzi izakurayo, nyuma ntawubona iziroshye muri Ntongwe icyo zishobora kuvanayo cyangwa se izirimo zirasira i Kabgayi inyungu zishobora kubona uretse kudurumbanya gusa igihugu, hanyuma noneho ubwo bagataha i Bugande (Uganda) bavuga yuko igihugu bakishe ko bishe n'abaturage, ariko rero ndakeka yuko iyo si inyungu nini.

30min01sec

Mu kanya rero turaza kureba ukuntu ukudurumbanya igihugu kw'Inyenzi-Inkotanyi birimo bigi... bizisibira amayira burundu, bikaba uretse no kumara Abatutsi b'i bu... kumarisha Abatutsi bibamarira ku icumu, birimwo birasibira inzira Inkotanyi burundu ku buryo mu by'ukuri

K0140795

14

zishobora... dushobora no kuvuga tuti muri iki gihugu nta Nyenzi na rimwe izigera itegeka, ku buryo rero ubutegetsu zirwanira zishobora kububura burundu. Turaza kubisesengura mu kanya turebe ukuntu ibintu bishoboka...

30min06sec

Fin de la FACE A

FACE B

Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTL.M. 00min06sec

... Inyenzi noneho tukazimara kuko mu by'ukuri iyo umuntu arebye uko bimeze abona Inyenzi tugiye kuzimara, sinzi niba zo zitekereza yuko zishira ariko rero ukorora acira aba agabanya, iyo twishe Inyenzi imwe, ebyiri, eshatu, ntabwo Inyenzi zizuka, ziba zipfa zishira kandi abazohereje bo baba bibereye mu mahoteli, ni abantu b'abacancuro. Umugabo witwa KANYARENGWE, Muzehe KANYARENGWE na we ashaje nabi, ejobundi yari yibandagaje avugira kuri Radiyo Muhabura ngo yaje gusura abantu kuri stade, ngo sinzi, za Stade Régional, ngo za Stade Amahoro reka sinakubwira, uwo musaza rero usigaye agenda mu ntoki nk'umujura na we ateye agahinda kuko umuntu uagenda yububa ngo yasuye abantu muri stade, yasuye se (inaudible)? Nta wubizi rero nyine ariko ibyo birumvikana ko ari amafuti, ni ibintu bya propagande bidafite icyo bimaze.

Hanyuma ubwo hari ibi... ibihuha nako si n'igihuha, igikuru kivuga yuko abantu bari i Gitarama (arakoroye), abantu bari i Gitarama ejo baturikije ibisasu bibiri, haturikiye ibisasu bibiri amaguru bayabangira ingata.

Bavandimwe rero b'i Gitarama, nje ndababwira nti ntimugapfe guhunga ibyo mutabonye. Twebwe ibisasu hano i Kigali turabimenyereye, mumenye yuko buri muni Inyenzi-Inkotanyi ziturasaho byibuze ibisasu bya kabutindi ijana bigahitana imbwa n'inkoko n'imbeba bitabarika n'abantu birumvikana barangirika ariko ni bakeya cyane kuko urebye aho babiroha wagira ngo Imana yarabavumye kubiroha aho babonye hose, mu myobo, muri w.c., mu ki. Ariko mumenye ko tutarahunga, turacyari hano i Kigali turarwana n'Inyenzi-Inkotanyi cyokora hagati aho ndashimira abantu babonye ko, bari barahungiyeye i Gitarama, bava i gitara... noneho bakareba kuva i Gitarama bakajya ku Kibuye, bakwibuka ko ku Kibuye hatangirwa... hagabanywa na Zaire n'i Kivu, bakareba kwiyahura mu Kivu bakabona bidashoboka ubu bakaba barimo bagaruka ino i Kigali.

Abagaruka i Kigali rero nimushire ubwoba muze hano i Kigali nta kibazo na kimwe dufite, ibisasu

barabirasa tukizibukira ibindi tukabitega umutwe uw'umunsi waramukiye akagenda. Ariko rero twararahiye ko ntabwo tuzaha ziriya ngegera umurwa mukuru wacu. Bakomeze birukanke barya ibijumba.

03min00sec

Ejo hari umusirikare wansekeje ati iyo tugiye... twarabateye hariya ku Kimisange, dusanga batetse igitoki bita Kayinja. Nta n'ubwo bazi kureba ibinyamunyo, hun! Kubera ko bimwe babica nijoro, ikakama batetse ibyo... icyo gitoki bacyita Gisubi. Hneh, cyokora ngo bari bafite inyama bo kanyagwa sinzi aho bari bazikuye, ubwo ni agahene k'umuturage bari babaze, abandi rero iyo babishe babasangana imvungure zitetse zitogosheje kugira ngo barebe ko babaho.

